



Republic
of Rwanda



nistr
NATIONAL INSTITUTE OF
STATISTICS OF RWANDA

Incamake ku bipimo byavuye mu bushakashatsi ku mibereho n'ubuzima mu Rwanda muri 2025



© 2025 Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)

Iki gitabo ni igice cy'ubushakashatsi ku mibereho n'ubuzima mu Rwanda (RDHS) kandi gishobora kongera gusohorwa cyangwa koherezwa mu buryo ubwo ari bwo bwose hakoreshejwe ikoranabuhanga, gukoporora, gufata amajwi, cyangwa ubundi buryo hashingiwe ku kubahiriza agaciro n'umwimerere ku byatangajwe.

Uburyo busabwa bwo kugishyira mu nyandiko (citation):

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR), 2025.

Ubushakashatsi bwa 7 ku mibereho n'ubuzima mu Rwanda (RDHS7)

Incamake y'ibyavuye mu bushakashatsi.

IBIPIMO BY'INGENZI BYAVUYE MU BUSHAKASHATSI BWA 7 KU MIBEREHO N'UBUZIMA BWAKOZWE MU MWAKA WA 2025

1 ABAKOZE UBUSHAKASHATSI KU MIBEREHO N'UBUZIMA BWA 2025

Ubushakashatsi bwakozwe n'ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda (NISR) gifatanije na Minisiteri y'ubuzima (Moh) n'ikigo cy'igihugu gishinzwe ubuzima (RBC) ku nkunga ya guverinoma y'u Rwanda n'abafatanyabikorwa barimo ICF Macro ifasha mu byerekeranye na Tekinike.

2 AHO UBUSHAKASHATSI KU MIBEREHO N'UBUZIMA BWA 2025 BWAKOREWE.

Ubushakashatsi bwa karindwi ku mibereho n'ubuzima bwakozwe mu mwaka wa 2025, bukorerwa mu midugudu magana atanu na mirongo itandatu (560) yatoranyijwe mu dupande tw'ibarura (EAs) twatanzwe n'ibarura rya kane ry'abaturage n'imiturire ryo mu mwaka wa 2022. Utu dupande tw'ibarura dutoranywa mu gihugu hose, mu ntara n'uturere twose, hanyuma hagatoranywa udupande 362 mu bice by'icyaro ndetse n'utundi 198 mu bice by'imijyi.

Utu dupande tumaze gutoranywa, abakarani b'ibarura bajya gushyira amanumero ku nzu zose zo muri utwo dupande, hanyuma muri buri gapande, hagatoranywamo ingo makumyabiri n'esheshatu (26), bityo igiteranyo cy'ingo zose ziba zatoranyijwe zikagera ku bihumbi cumi na bine na magana tanu na mirongo itandatu (14 560).

Raporo y'ubushakashatsi bwose yasohotse mu kwezi k'Ukuboza 2025 yakorewe ku ngo ibihumbi cumi na bine na magana ane na mirongo itatu n'ene (14 434), abagore bari ibihumbi cumi na bine na magana abiri na mirongo inani na batatu (14 283) bafite imyaka 15 kugeza kuri 49; n'abagabo ibihumbi bitandatu na magana atanu na mirongo ine n'umunani (6 548) ba ite imyaka 15 kugeza kuri 59.

3 INTONDE Z'IBIBAZWA ZAKORESHEJWE MU BUSHAKASHATSI KU MIBEREHO N'UBUZIMA BWA 2025

Ubushakashatsi ku mibereho n'ubuzima bwa 2025 bwakoresheje intonde z'ibibazwa z'ubwoko butanu.

Intonde z'ibibazwa zigenewe urugo: zigaragaza abatuye urugo bose ndetse n'abashyitsi, imyaka yabo, aho batuye, igitsina cyabo, irangamirere, uburezi ndetse n'amasano abantu bagiye bafitanye na Nyirurugo. Habazwa kandi ibyerekeye imibereho y'urugo nk'amazi urugo rukoresha, ubwiherero, ibyubatswe n'ibisakaye inzu, ibigize inkuta, ibikoreshe urugo rutunze, ibyerekeye inziramibu ndetse n'ubwoko bw'ubumuga mubagize urugo baba ba ite.

Intonde z'ibibazwa zigenewe abagore ba ite imyaka 15-49: zibanda cyane cyane ku byerekeye imbyaro, impfu zabaye mu rugo, ibyerekeye uburumbuke no kuboneza urubyaro, gupimisha inda ku mubyeyi utwite, kwitabwaho k'uruhinja no k'umubyeyi nyuma yo kubyara, ibyerekeye konsa, imirire y'abana n'abagore, gushyingirwa no gutandukana, ubwandu bwa Virus itera SIDA, Imikurire y'abana b'incuke, ndetse n'ihohoterwa ryo mu ngo.

Intonde z'ibibazwa zigenewe abagabo bafite imyaka 15-59: zibanda nazo ku bibazo bisa nk'ibibazwa abagore, ukuyemo ibyerekeye urubyaro, gutwita n'ikingizwa ry'abana.

Intonde z'ibibazwa zerekeranye n'ibipimo byo muri laboratoire: zandikwamo ibisubizo ku bipimo by'ububure n'ibiro by'abana n'abagore, ndetse n'abagabo rimwe na rimwe iyo byafashwe.



Intonde z'ibibazwa zigenerwa abakarani b'ibarura: zigaragaza umwirondoro w'umukarani w'ibarura; uko ibarura ryagenze mu byerekeye amakuru ye ariko ntibigaragaza umwirondoro w'ubazwa mu byerekeye ubushakashatsi.

4 UKO INTONDE Z'IBIBAZWA ZIGERAGEZWA MBERE YUKO ZIKORESHWA MU BUSHAKASHATSI KU MIBEREHO N'UBUZIMA

Ibarura gerageza ryakozwe guhera tariki ya 1 Mata kugeza ku itariki ya 26 Mata 2025. Abakarani b'ibarura 20 n'abandi bize ibya laboratoire 5 nibo bahamagawe, bahabwa amahugurwa y'ukwezi. Nyuma batangira ibarura gerageza.

5 AMAHUGURWA Y'ABAKARANI B'UBUSHAKASHATSI KU MIBEREHO N'UBUZIMA BWA 2025

Amahugurwa y'abakarani b'ubu bushakashatsi muri rusange yatangiye ku itariki ya 5 Gicurasi 2025 ageza ku itariki ya 3 Kamena 2025. Abakarani bari ijana na mirongo irindwi na batatu (173). Bahawe aya mahirwe hashingiwe ku bumenyi, uburambe mu kazi n'akazi bakora. Abashinzwe gufata amaraso n'ibipimo nabo bari mu bahuguwe. Amahugurwa arangiye, hakoreshejwe ibizamini, nyuma hatoranywa abayobora amakipe yose yari agiye gukorera mu gihugu.

6. IBARURA NYIRIZINA RY'UBUSHAKASHATSI KU MIBEREHO N'UBUZIMA BWA 2025

Ubushakashatsi nyirizina ku mibereho n'ubuzima bwakozwe n'amakipe 20 mu gihugu cyose, bwatangiye ku itariki ya 5 Kamena 2025 kugeza ku itariki 25 Ukwakira 2025. Ubushakashatsi bwagaragaje ko mu ngo ibihumbi cumi na bine na magana atanu na mirongo itandatu (14560) zari zatoranyijwe; ingo ibihumbi cumi na bine na magana ane na mirongo itatu n'enye (14434) nizo zari zituwe ariko ingo ibihumbi cumi na bine na magana ane na makumyabiri na zirindwi (14427) nizo zabajijwe, bivuze ko 99,9% by'ingo zasubije. Mu bagore ibihumbi cumi na bine na magana atatu na mirongo ikenda n'esheshatu (14396) bagombaga kubazwa, abangana n'ibihumbi cumi na bine na magana abiri na mirongo inani na batatu (14283) barasubije, bivuze ko 99,2% basubije. Ku bagabo, abagombaga kubazwa ni ibihumbi bitandatu na Magana atandatu na mirongo itandatu na barindwi (6667), abasubije ni ibihumbi bitandatu na magana atanu na mirongo ine n'umunani (6548) bivuze ko 98,2% basubije.

7. IBIPIMO BY'INGENZI BYAGARAGAJWE N'UBUSHAKASHATSI KU MIBEREHO N'UBUZIMA BWA 2025


7.1. IBYEREKEYE IMIBEREHO Y'URUGO N'ABARUGIZE

Ubushakashatsi bwagaragaje ko 38% by'abagore na 40% by'abagabo bize amashuri make abanza, 18% by'abagore na 19% by'abagabo barangije amashuri abanza, 24% by'abagore na 20% by'abagabo bize amashuri make yisumbuye; mu gihe 9% by'abagabo n'abagore barangije amashuri yisumbuye. Ku biyanye na kaminuza, 5% by'abagore na 6% by'abagabo bageze muri kaminuza. 7% by'abagore na 6% by'abagabo ntabwo bigeze biga mu buryo busobanutse.

Ubushakashatsi ku mibereho n'ubuzima bwa 2025 bwagaragaje ko 39% by'abagore na 47% by'abagabo bari ingaragu, mu gihe 8% by'abagore na 2% by'abagabo bari baratandukanye n'abo bashakanye mu buryo bwemewe n'amategeko.




IRANGAMIMERERE RYABITABIRIYE UBUSHAKASHATSI (DHS2025)



Ubushakashatsi bwagaragaje ko abagabo 18% n'abagore 27% bareba televiziyo, mu gihe 60% by'abagore na 78% by'abagabo bumva radiyo, naho 35% by'abagore na 18% by'abagabo nta na kimwe bumva.


Kubona amakuru ku bantu bafite imyaka 15 kugeza 49



Ubushakashatsi kandi bwagaragaje ko 87% by'abagore na 86% by'abagabo ba ite ubwishingizi mu kwivuza mu Rwanda. Bigenda bigabanuka uko icyiciro cy'ubudehe kigenda kigabanuka, abari mu cyiciro cy'abakene bakabije bishingiwe kuri 74% ku bagora na 72% ku bagabo, mu gihe icyiciro cy'abaherwe cyishingiwe ku kigero cya 93% ku bagabo n'abagore. Abagabo n'abagore bose bo mu cyiciro cy'abari hagati na hagati badakennye kandi batanakize bose bishingiwe ku kigero cya 91%.

(Lowest: Abakene bakabije; Second: Abakene; Middle: Abarimo hagati, Fourth: Abakire naho Highest ni Abaherwe).


UBWISHINGIZI KU BAGABO N'ABAGORE BAFITE IMYAKA 15-49 HAKURIKIJWE ICYICIRO CY'UBUDEHE



7.2. IBIPIMO BYEREKEYE UBURUMBUKE no KUBONEZA URUBYARO MU BANYARWANDA


Ubushakashatsi bwagaragaje ko abagore bakoresha uburyo ubwo ari bwo bwose bwo kuboneza urubyaro (Any method) bari 69,4% bavuye kuri 64% mu mwaka wa 2020. Abakoresha ubu buryo bari 13% mu mwaka wa 2000.

UKO GUKORESHA UBURYO BWO KUBONEZA URUBYARO BYAGIYE BIKURIKIRANA KU BURYO UBWO ARIBWO BWOSE




Ku byerekeye uburyo bugezweho bwo kuboneza urubyaro,

UKO GUKORESHA UBURYO BWO KUBONEZA URUBYARO BYAGIYE BIKURIKIRANA KU BURYO BUGAZEHO (MODERN)



Igipimo cy'uburumbuke ku bagore bafite imyaka 15 kugeza ku myaka 49 ni abana 3.7 (TFR). Iki ni ikigereranyo cy'abana umugore yakagombye kubyara mu gihe cy'uburumbuke bwe nta zindi ngorane zibayemo. Iki gipimo kigenda gihindagurika dukurikije icyiciro cy'amashuri umuntu afite.. Uburumbuke ku bagore bize amashuri abanza ni abana bane (4) mu gihe abizekaminuza ari abana hafi batatu(2,6).


Igipimo cy'uburumbuke ku bagore bafite imyaka 15 kugeza 49 dukurikije icyiciro cy'amashuri



7.3. IBIPIMO BYEREKEYE UBUZIMA BW'ABAGORE MU KWIBARUKA N'IBYEREKEYE UBUZIMA BW'ABANA MURI RUSANGE


Ubushakashatsi ku mibereho n'ubuzima bwa 2025 bwerekanye ko abagore bisuzumishije inda inshuro nibura enye kuzamura mu bice by'icyaro bangana na 80% naho mu bice by'umujyi bangana na 73%. Muri gahunda nshya yo kwisuzumisha inshuro zirenze umunani, 19% nibo babikoze mu bice by'icyaro na 20% mu bice by'umujyi.

Umubare w'inshuro abagore baja gusuzumisha inda mbere yo kubyara




Kwisuzumisha mu gihe umugore atwite byagiye byiyongera cyane cyane guhera mu mwaka wa 2005 aho byari 13% bigera kuri 77.5% muri 2025. Abaganga basuzuma abagore batwite ntibigeze bajya muni ya 90% kuva mu mwaka wa 1992.

Uko kwisuzumisha byagiye bikurikirana banasuzumwa n'abaganga



Ubushakashatsi bwagaragaje ko 95% by'abagore babyariye kwa muganga, nubundi 95% babyariye mu mavuririo ya leta, 3% babyarira mu mavuririo yigenga, mugihe 2% aribo babyariye mu ngo. Umubare w'abagore bari muni ya 1% niwo wabyariye ahandi hatari aho twavuze haruguru.

Aho abagore bafite imyaka 15 kugeza 49 babyariye mu Rwanda muri 2025




Kubyarira kwa muganga byagiye byiyongera guhera mu mwaka wa 2005, bikabisikana no kubyarira mu rugo byagiye bigabanuka guhera muri uwo mwaka. Kubyarira kwa muganga byavuye kuri 28% mu mwaka wa 2005

bigera kuri 69% muri 2010, naho mu mwaka wa 2025 bigera kuri 98% mu gihugu.

Kubyarira mu ngo nabyo bigenda bigabanuka uko imyaka ikurikirana, kuva kuri 70% uwo mwaka wa 2005 ubu bikaba bigeze kuri 2% mu mwaka wa 2025.

uko kubyarira kwa muganga byiyongereye no kubyarira mu rugo bigabanuka




98% by'ababyeyi babyaye, babyajwe n'abakozi bo kwa muganga babifitiye ububasha n'ubushobozi, kandi 81% bahise bahuza abana na ba nyina ako kanya bakimara kuvuka nkuko bisabwa n'abahanga mu by'ubuzima n'imibereho y'abana (byitwa Skin to skin between mothers and their babies).

Intara y'Amajyaruguru niyo iri imbere cyane kuko hafi 100% by'abagore bose babyaye bafashijwe n'abaganga babifitiye ububasha n'ubushobozi, mu gihe intara zose zisigaye nazo ibipimo bimeze neza kuko nta nimwe iri muni ya 98% ugerereranije uko ababyigiyeye bafasha abagore kubara.

Intara y'Amajepfo niyo ifite ibipimo biri hasi mu guhuza umwana na nyina akimara kuvuka ako kanya, kuko bafite 77% naho Amajyaruguru ni 85%.


Uko abagore bafashijwe kubara n'ababyigiyeye no guhita bahuza umwana na nyina ako kanya






Mu Rwanda, abagore 11% nibo bonyine byagaragaye ko bisuzumishije kanseri y'ibere. Kwisuzumisha kanseri y'ibere byagiye birebwa hakurikijwe icyiciro cy'imyaka. Abagore bafite hagati y'imyaka 35 na 39 nibo bisuzumishije cyane ku kigero cya 18%, bakurikirwa n'abagore bari mu cyiciro cy'imyaka iri hagati ya 45 na 49; mu gihe abagore bakiri bato bafite imyaka 15 na 29 aribo bisuzumishije gake, bangana na 5,7%.

Abagore bisuzumishije kanseri y'ibere(%)



Mu Rwanda kandi, abagore bafite imyaka 15 kugeza kuri 49 bipimishije kanseri y'inkondo y'umura ni 19%. Abagore bafite imyaka 35 kugeza kuri 39 nibo bipimishije kanseri y'inkondo y'umura ku kigero cya 35%, bakurikirwa n'abagore bafite imyaka 45 kugeza kuri 49 bipimishije kugera kuri 34%; naho abagore bakiri bato cyangwa abangavu bari hagati y'imyaka 15 na 19 bipimishije kanseri y'inkondo y'umura ku cyigero cya 5%.

Abagore bafite imyaka 15 kugeza 49 bipimishije kanseri y'inkondo y'umura






Abana bavukanye ibiro bike cyane biri muni ya 2,5 kgs bari 8,8% ugererenanije mu gihugu hose.

Dukurikije ibyiciro by'ubudehe byifashishwa n'ubu bushakashatsi ku mibereho n'ubuzima, abana bavukana ibiro bike biganje mu byiciro twavugaga ko ari iby'abakene, kuko abo bana bari hagati ya 9 na 11% muri byo byiciro. icyiciro cy'abaherwe, abana bavukana ibiro bike cyane ugereraninije ni 5% gusa.


Abana bavukanye ibiro bike cyane biri muni ya 2.5kg ukurikije icyiciro babarizwamo



Tugendeye ku nkingo z'abana, ubushakashatsi bwagaragaje ko 94% by'abana bafite hagati y'amezi 12 na 23 babonye inkingo z'ibanze, arizo twita (basic antigens). Abana b'abakobwa bakaba barakingiwe izi nkingo ku cyigero cya 95% ugererenanije n'abahungu bakingiwe ku cyigero cya 93%.

81% by'abana bafite amezi 12 kugeza kuri 23 n'amezi 24 kugeza kuri 35 niba bakingiwe dukurikije amabwiriza y'igihugu nandi yo ku rwego mpuzamahanga. Ahagaragara ikinyuranyo ni ku bana b'abakobwa, aho kuri gahunda y'igihugu hakingiwe abagera kuri 83% naho ku mabwiriza mpuzamahanga hakingirwa abagera kuri 81%.

Ibyerekeye inkingo z'abana dukurikije igitsina cy'abana bakingiwe






7.4. IBIPIMO BYEREKEYE INDWARA Z'ABANA, IMIKURIRE Y'ABANA, IMIRIRE NO KONSA ABANA

2,4% by'abana bari bafite amezi hagati ya 24 na 35 niba bagaragaye ko bari bafite ibibazo by'ubuhumekero (Acute Respiratory Infection). Ni mu gihe abari bafite amezi 6 kugeza kuri 11 bari bafite ubu burwayi bari ku kigero cya 2,5%.

25,6% by'abana bari bafite amezi 12 kugeza kuri 23, ni ukuvuga abana bemerewe kurya ibintu byose, niba bagaragaweho kurwara impiswi, naho abari bagitangira ifashabere kugeza ku mezi 11, bari bafite impiswi bari ku kigero cya 21,5%, abana bonka gusa, batarageza ku mezi atandatu, bari bafite impiswi nkeya bari ku kigero cya 8,4%.

Ubushakashatsi bwagaragaje ko nta kinyuranyo gihambaye ku bana bari bafite umuriro mwinshi, hagati y'abana bari bafite amezi 6 kugeza kuri 11 nabandi bari bafite amezi 12 kugeza ku myaka ibiri.

Abana bafite amezi 0 kugeza ku mezi 59 bagize indwara zinyuranye nkuko biri mu bushakashatsi bwa DHS2025




Ugereranije ku bipimo mpuzamahanga (ECD Index) ku mikurire y'abana batangiye kwiga amashuri y'incuke; tugeneranije n'icyiciro cy'amashuri y'ababyeyi babo, bigaragara ko uko icyiciro cy'amashuri kigenda kizamuka ari nako abana buzuzwa ibi bipimo mpuzamahanga bagenda biyongera. Ku rwego rw'igihugu, abana bafite imikurire yujuje ibipimo mpuzamahanga ni 71,6%; naho abana babifite bakomoka ku babyeyi batize ni 65%, mugihe abize kugera ku rwego rwa kaminuza ari 83%.






Uko umwana agenda akura ku bipimo mpuzamahanga (ECD Index) turebera kukicuro cy'amashuri cy'ababyeyi



Ibi ni nako bimeze ukurikije ibyiciro by'ubudehe by'ababyeyi, aho abana bafite imikurire yujuje ibipimo mpuzamahanga bavuka ku miryango ikennye cyane bari 61% mu gihe bari 68% ku bakennye byohereje, ndetse bigaragara ko abari mu cyiciro cy'abaherwe bari 81%.


Uko umwana agenda akura ku bipimo mpuzamahanga (ECD Index) turebera kukicuro cy'ubudehe cy'ababyeyi



Abana bagwingiye mu gihugu (Ikigereranyo cy'uburebure bw'umwana n'imyaka ye) bari 27%, bakaba baragabanutse ugereraniye no mu myaka itanu ishize aho bari 33%. Igwingira ryiganje mu bice by'icyaro (30%) kurusha ibice by'imijyi (19%).

Abana bafite umubyibuho ukabije (Iburo umwana afite ugereraniye n'uburebure bwe) bagaragajwe n'ubushakashatsi ni 5%, bikagaragara ko nta kinyuranyo kirimo hagati y'abo mu bice by'umujyi n'icyaro. Abana bananutse cyane bagaragajwe n'ubushakashatsi ni 6%, mu cyaro bari 6.5% mu gihe ibice by'umujyi bari 5%.


Ibipimo by'imirire y'abana bataruzuzwa imyaka itanu



Muri ubu bushakashatsi, abana bafite amezi 0 kugeza ku mezi 6 bonka gusa ntakindi kintu bafata bari 82% ku rwego rw'igihugu, aho mu bice by'icyaro bari 82%. Abo twasanze bacyonka bafite umwaka 1 ariko bataruzuzwa imyaka 2 bari 90%, mu bice by'icyaro ari 91% naho mu mujyi biri hasi gato kuko ari 86%.

Abana bose bigeze konka bari 98%, ndetse ntakinyuranyo gihari haba mu mijyi no mu bice by'icyaro.


Uko ababyeyi bonsa abana bataruzuzwa imyaka itanu



Konsa abana ntakindi kintu bafata bigaragara ko byagiye bihindagurika, ukurikije uko imyaka y'ubu bushakashatsi yagiye ihindagurika.

Ababyeyi bonsaga abana gusa bari ku kigero cya 83% mu mwaka wa 2000, bariyongera muri 2005 baba 88%, nyuma yaho byatangiye kuja bigabanuka mu buryo buhindagurika kugeza mu mwaka wa 2025 aho bari 82%.


Uko konsa abana bafite amezi 0 kugeza kumazi 6 ntakindi bafata byagiye bihindagurika nyuma y'imyaka 25



7.5. IBIPIMO BYEREKEYE IGITUNTU NA VIRUSI ITERA SIDA

Kubyekeye indwara y'igituntu, 97% by'abagore na 98% by'abagabo bigeze kumva abantu bavuga ku ndwara y'igituntu. Ni mu gihe kandi 88% by'abagore na 91% by'abagabo bazi neza ko indwara y'igituntu ishobora kuvurwa igakira. Abagabo babwiwe ko banduye indwara y'igituntu bari 1,5% mugihe abagore bari muni ya 1%.


Ubumenyi kundwara y'igituntu ugereranije abagore n'abagabo



Abantu bumvise ko gufata imiti igabanya ubukana bwa virusi itera SIDA (Anti Retroviral: ARV) bishobora kuvura SIDA bari 96% by'abagore na 95% by'abagabo bose bafite imyaka 15 kugeza kuri 49.

Abagore bazi ko gukoresha imiti yo muri MTCT(Mother to Children Transmission)cyangwa se imiti ifasha umubyeyi utwite ufite ubwandu bwa Virusi itera SIDA kutanduza umwana atwite , bishobora kurinda umwana ukiri mu nda bikaba byamurinda kwandura bari 93% mu gihe abagabo babizi bo bari 87%. Abagabo kandi bafite imyaka 15 kugeza kuri 49 bazi ko kwisiramuka byarinda kwandura virusi itera SIDA bari 36% mu gihe abagore bafite nkiyo myaka bari 30%.

Ubumenyi kuberekeye agakoko gatera SIDA dukurikije igitsina cyababajijwe bafite imyaka 15 kugeza kuri 49




Abagore bafite imyaka 15 kugeza 49 bigeze kwipima Virus itera SIDA ubwabo ni 5,5% mugihe abagabo bo mumyaka imwe babikoze ari 6,5%.

Abantu batigeze bipimisha virus itera SIDA na rimwe mu buzima ni 22% ku bagore na 28% ku bagabo. Abigeze kwipimisha virusi itera sida bagafata ibisubizo bari 77% by'abagore na 71% by'abagabo.

Abagabo cyangwa abagore bafite uwo babana barenze babiri bakoresheje agakingirizo bari 69% ku ruhande rw'abagabo na 45% ku ruhande rw'abagore bose bafite ikigero cy'imyaka 15 kugeza kuri 49.

Abakoresheje agakingirizo mu mibonano isanzwe bari 42% ku ruhande rw'abagabo na 30% ku ruhande rw'abagore.

Ubumenyi n'ibikorwa mu buzima bwa buri muni ku byerekeye virus itera SIDA



7.6. IBIPIMO BYEREKEYE UBURENGANZIRA BW'ABAGORE, IHOHOTERWA KU BAGORE N'ABAGABO BAFITE HAGATI Y'IMYAKA 15 KUGEZA KURI 49

Abagore 64% bafite imyaka 15 kugeza kuri 49 batunze telefoni iyo ariyo yose naho 28% bagatunga telefoni igezweho (smartphone), ibi bitandukanye n'abagabo bari mu cyiciro kimwe batunze telefoni iyo ariyo yose kuko bari ku kigero cya 73% naho 35% bagatunga telefoni igezweho (smartphone).


Abagore biyemerera ko bakubitwa bakoze amakosa arimo nko gushirirza ibiryo, kuja hanze batabwiye abagabo, guta abana, gusambana nundi mugabo ndetse nandi makosa bari ku kigero cya 45.5% mu gihe abagabo bo bemera ko bikwiye ko hakubitwa abagore bari ku kigero cya 30%.

Abagore bafite kandi bakanakoresha konti ya banki ni 31%, mu gihe abagabo bo bafite konti ya bank bakanayikoresha ari 38%.




Abagore bemera ko hakoreshwa agakingirizo mu gihe cy'imibonano mpuzabitsina igihe umugabo we arwaye indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina idakingiye ni 85% mu gihe abagabo bo babyemera ari 90%.

Uburenganzira nibyerekeye ikubitwa ry'abagore bose bafite imyaka 15 kugeza kuri 49



Ibipimo bigaragaza ko 33% by'abagore na 22% by'abagabo bose bafite imyaka 15 kugeza kuri 49 bakorewe ihohoterwa ku mubiri, aribyo twita Physical violence. Bigaragaza kandi ko 19% by'abagore na 5% by'abagabo bigeze gukorerwa ihohoterwa rishingiye ku gitsina, mu gihe 33% by'abagore bakorewe ihohoterwa rishingiye ku marangamutima (emotional violence) ugererenanije n'abagabo bangana na 22% nabo barikorewe. Muri rusange, abagore 7,4% bakorewe ihohoterwa ry'ubwoko bwose ugererenanije n'abagabo barikorewe bari muniya 1%.


ibipimo byagaragaye kuihohoterwa kubagore n'abagabo bafite imyaka 15 kugeza kuri 49 mubushakashatsi bwa 2025



7.7. IBIPIMO BYEREKEYE KWITABA IMANA (IMPFU)


Ubushakashatsi bwagaragaje ko umubare w'abana bataruzuzwa imyaka 5 bapfuye bangana na 36 ku bana igihumbi (1000) bavutse ari bazima mu Rwanda. Umubare munini w'abana bapfa cyane ni abiganjemo abana bakiri bato bataruzuzwa umwaka kuko bari 27 ku bana igihumbi bavutse ari bazima, mu gihe umubare muto w'abana ari abari hagati y'umwaka ariko bataruzuzwa imyaka itanu kuko bari 9 ku bana igihumbi bavutse ari bazima.

Impfu z'abana bataruzuzwa imyaka itanu zagaragajwe
n'ubushakashatsi kumbibereho nubuzima bwa 2025 (zabaye mu myaka 5 ibanziriza ibarura)



Umubare w'abana bato bapfa ndetse n'uw'abana bapfa bataruzuzwa imyaka itanu iri hejuru ho gato mu bice by'icyaro ugerereranije no mu bice by'imujyi. Umubare w'abana bapfa bataruzuzwa umwaka mu bice by'umujyi ni 25 ku bana igihumbi bavutse ari bazima naho mu bice by'icyaro ni 28 ku bana igihumbi. Ni mu gihe umubare w'abana bapfa bose bataruzuzwa imyaka itanu mu bice by'icyaro bari 38 mu gihe mu bice by'umujyi bari 32.


Impfu z'abana bataruzuzwa imyaka itanu (zabaye mu myaka itanu ibanziriza ibarura) ukurikije aho bari batuye



Umubare w'abana bapfa bataruzuzwa imyaka itanu wagiye ugabanuka uko imyaka ishira, wavuye ku bana bapfuye 151 ku bana igihumbi bavutse ari bazima mu mwaka wa 1992, uzamukaho gato mu mwaka wa 2000 ugera ku bana bapfuye 196, ariko ubu waraganutse ku kigero cy'abana 36 bapfuye ku bana igihumbi bavutse ari bazima mu mwaka wa 2025. Igabanuka rikomeye ryabaye kuva mu mwaka wa 2005 kugera 2010, aho uwo mubare wavuye ku bana bapfuye 152 ukagera ku bana bapfuye 76 ku bana 1000 bavutse ari bazima.


Umubare w'abana bapfuye bataruzuzwa umwaka wavuye ku bana bapfuye 107 ku bana igihumbi bavutse ari bazima mu mwaka wa 2000 uramanuka ugera ku bana bapfuye 27 mu mwaka wa 2025, mu gihe abataruzuzwa ukwezi bavuye ku bana bapfuye 44 ku bana igihumbi bavutse ari bazima mu mwaka wa 2000 bagera ku bana 17 mu mwaka 2025.

Uko impfu z'abana bataruzuzwa imyaka itanu zagiye zigabanuka



Ubushakashatsi bwagaragaje ko ikigereranyo cy'abagore bapfa babyara cyangwa bapfuye bivuye ku mpamvu zo gutwita no kubyara bari 149 ugereraniye n'abana ibihumbi ijana bavutse ari bazima (100,000 livebirths).

Uko Impfu z'ababyeyi bapfa babyara zagiye zigabanuka





Mu gusoza, ubushakashatsi ku mibereho n'ubuzima bwagaragaje ibipimo 17 bijyanye n'intego z'iterambere rirambye (SDGs) zashyizweho n'Umuryango w'Abibumbye.

Izo ntego zari ibyerekeye kurandura ubukene, kurandura inzara ikabije, ibyerekeye kubaho neza no kugira ubuzima bwiza, kugira amashuri meza no kwiga neza bifite ireme, uburinganire hagati y'abagore n'abagabo, kunywa amazi meza no kugira ubwiherero buboneye, gucanisha ibikoresho bitangiza ikirere cyangwa ngo byangize ubuzima bw'abantu.

Hari kandi guhanga imirimo mishya no kuzamuka mu bukungu ku bantu bose n'ibihugu, kugira amahoro, ubutabera, uburenganzira ndetse n'inzego zifatika; no guhuriza hamwe intego zose ku buryo byose bigenda neza.

Amakuru arambuye muzashobora no kuyisomera mu bitabo binyuranye biri mu isomero ry'ikigo, cyangwa munyuze kuri murandasi mugasura urubuga rw'ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda (www.statistics.gov.rw).





The
RWANDA
DHS

7 DEMOGRAPHIC
AND HEALTH
SURVEY

